Lahe, tariki ya 8 Mata 2020

**IJAMBO RY'UMUCAMANZA CARMEL AGIUS, PEREZIDA WA IRMCT, MU MUHANGO WO KWIBUKA, KU NCURO YA 26, JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI: "IMYAKA 26 NYUMA YA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI, UMURAGE WA TPIR N'URUHARE RWA IRMCT"**

Ntewe icyubahiro no kubagezaho ijambo uyu munsi, ku butumire bwa Jean Pierre Karabaranga, Ambasaderi wa Repubulika y'u Rwanda mu gihugu cy'u Buholandi. Mu iri jambo, ndashingira ku bunararibonye mfite nka Perezida w'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha, nita "IRMCT" muri iri jambo, kandi ndabikora nk'umuntu wamaze igihe kirekire ndi Umucamanza w'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'uw'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY).

Kwibuka ni umwanya wihariye kandi si ku Banyarwanda gusa, ahubwo ni ku isi yose. Nta yandi mahitamo dufite uretse guhora twibuka jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994, mu Rwanda. Nyuma y'imyaka 26 ishize, twese hamwe turakibuka neza ibyaha ndengakamere byakozwe muri icyo gihe maze bikibasira u Rwanda n'abaturage barwo. Muri iki gihe cyo kwibuka no kuzirikana, nifatanyije n'abakozi bose ba IRMCT mu kugaragariza Abanyarwanda ko twifatanyije na bo mu buryo bwimazeyo.

Mu rwego rw'umuhango wo kwibuka w'uyu mwaka, ijambo ryanjye riribanda ku murage wa TPIR no ku ruhare rwa IRMCT mu myaka 26 ishize kuva jenoside yakorewe Abatutsi ibaye. Ndavuga ku bintu bimwe na bimwe by'ingenzi bigaragaza imikoranire hagati y'u Rwanda, IRMCT n'abandi bafatanyabikorwa ku rwego mpuzamahanga, mu gikorwa twese duhuriyeho cyo guharanira kugera ku butabera no gushimangira amahoro.

Haki Road, Plot No. 486 Block A, Lakilaki Area,
Arumeru District, P.O. Box 6016, Arusha, Tanzania
Terefone: +255 27 256 5791 - Fagisi: +255 27 256 5234
Imeyiri: mict-registryarusha@un.org

www.irmct.org

Churchillplein 1, 2517 JW The Hague, The Netherlands
P.O. Box 13888, 2501 EW The Hague, The Netherlands
Terefone: +31 70 512 5232 - Fagisi: +31 70 512 8845
Imeyiri: mict-registrythehague@un.org

Nk'uko mubizi, TPIR yashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi, y'Umuryango w'Abibumbye kugira ngo iburanishe abakoze amarorerwa, ifashe mu kunga Abanyarwanda kandi igarure amahoro n'umutekano. TPIR yakoreye abantu 93 Inyandiko z'ibirego kandi urwo Rukiko rwafunze imiryango mu mwaka wa 2015 rumaze kumva ubuhamya bw'abatangabuhamya barenga ibihumbi bitatu batanze ubuhamya bwabo batizigamye kugira ngo ukuri kumenyekane kandi habeho ubutabera. Mu byemezo byafashwe mu manza zigera ku ijana, mu rw'iremezo no mu bujurire, abantu benshi mu bagize uruhare rusumba urw'abandi muri jenoside yakorewe Abatutsi barakatiwe maze barafungwa. Uyu munsi, 31 muri abo bakatiwe baracyarangiza ibihano byabo kandi icyo gikorwa kigenzurwa na IRMCT.

TPIR ntiyatanze ubutabera icira imanza abantu gusa, ahubwo yanatanze umusanzu mu rwego rwo gukusanya amateka, ishakisha ibimenyetso bigaragaza mu buryo bucukumbuye menshi mu marorerwa yakorewe Abanyarwanda muri ya minsi 100 y'amarorerwa n'akaga. TPIR yemeje ko urugomo rushingiye ku gitsina rukoranywe igitekerezo cyo gukora jenoside rugize, mu by'ukuri, icyaha cya jenoside. Yemeje kandi ibyo buri wese yari asanzwe azi, ari byo ko jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda, ari ikintu cyabaye mu mateka y'isi, icyabaye kizwi neza kimwe n'ibindi bintu byabaye, icyabaye kidashobora kugibwaho impaka mu buryo bwose bushyize mu gaciro[1].

Reka noneho mvuge ku ngingo yo guhakana no gupfobya jenoside. Ibi byaha byombi bifitanye isano kandi si umwihariko w'u Rwanda gusa. Cyakora, nta muntu ukwiye kwibwira ko bitashyira, mu kaga gakomeye, umuryango w'Abanyarwanda by'umwihariko. Nta gushidikanya ko guhakana no gupfobya jenoside bigamije gupfobya cyangwa gusibanganya amateka nyakuri u Rwanda n'abaturage barwo bamaze imyaka 26 baciyemo. N'ubwo hashobora kubaho ibintu bimwe na bimwe abantu batemeranywaho, ibyo ntibishobora kubaho ku byerekeranye na jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994 mu Rwanda kubera ko ari ikintu cyabaye abantu badashobora guhakana. Ntuzemere kubeshywa kuko abahakana n'abapfobya jenoside bagamije kongera gusenya u Rwanda no gutesha agaciro ibintu byinshi by'agatangaza Abanyarwanda bagezeho mu myaka 25 ishize. Igihe cyose, ni ngombwa kurwanya ibikorwa bya bene abo bantu byuzuye ubugome.

Muri uru rwego, IRMCT ifite uruhare rwayo ariko u Rwanda rwose uko rwakabaye ni rwo rwa mbere rufite inshingano yo kurwanya ibikorwa byo guhakana no gupfobya jenoside. Ni inshingano y'abanyaporitike, abarezi, ababyeyi, urubyiruko, abantu bose biboneye jenoside ikorwa ndetse n'abayibwiwe na bakuru babo. Cyakora, u Rwanda n'abaturage barwo ntibari bonyine muri iki

[1] *Urubanza Porokireri aburana na Édouard Karemera na bagenzi be,* N° ICTR-98-44-AR73(C), Icyemezo ku bujurire bwa Porokireri burwanya Icyemezo ku Cyifuzo cyerekeranye n'ibyabaye ababuranyi batajyaho impaka, 16 Kamena 2006, igika cya 35.

gikorwa cya ngombwa. IRMCT na yo izakomeza rero gutanga umusanzu wayo, ifata ingamba ziteganywa na manda ya yo kugira ngo hubahirizwe ibyemezo byafashwe mu manza zaciwe na TPIR, kugira ngo ishyigikire ubwiyunge kandi ifashe abantu bakorewe ibyaha bakomeje kuba mu kababaro muri iyi myaka 26 ishize.

IRMCT ikomeje kandi gukora kugira ngo irangize imirimo y'insigarira ya TPIR, bityo Porokireri akaba akomeje gushakisha abantu umunani, TPIR yakoreye Inyandiko z'ibirego, bagishakishwa n'ubutabera. Tuzi ko u Rwanda rusaba, kandi rwose ibyo ni uburenganzira bwarwo, ko ahantu abagishakishwa bihishe hamenyekana maze bakagezwa imbere y'ubutabera. IRMCT yifatanyije n'u Rwanda mu gusaba ko ubutabera butangwa. Cyakora, kimwe na TPIR yayibanjirije, IRMCT ntishobora kurangiza izo nshingano yonyine. Dukomeje gutegereza ko Reta zifata ingamba za ngombwa zigamije gufatanya na IRMCT mu buryo bwuzuye mu gikorwa cyo kumenya aho abo bantu umunani batarafatwa baherereye. Igihe abo bantu babonetse, Reta zigomba no guhita zikora ibikenewe kugira ngo bafatwe maze bashyikirizwe IRMCT. Ubwo bufatanye nyabwo mu bikorwa ntibuteganywa gusa mu mategeko mpuzamahanga, ahubwo buri no mu mahame y'ubumuntu dusangiye. IRMCT izashobora gukora ku buryo habaho ubutabera muri izo manza zisigaye ari uko ibonye iyo nkunga ya ngombwa.

Mbere yo gusoza, sinareka kuvuga ko, uyu mwaka, bitewe n'icyorezo cya Koronavirusi cyibasiye isi yose, umuhango wo kwibuka utandukanye rwose n'indi mihango yabayeho mu myaka yabanjirije uyu. Ndizera, mbivanye ku mutima, ko buri wese ukurikiye uyu muhango afata ingamba zo kubungabunga ubuzima bwe n'ubw'abantu bagize umuryango we. Umuryango mugari w'abantu, isi yose nanjye ubwanjye dusanga wowe n'abagize umuryango wawe bwite mufite agaciro kanini. Uko iki cyorezo cyangana kose, musanzwe muzi ko, mu bihe byashize, u Rwanda rwashoboye kwivana mu byago bigisumbye kandi ko rwagaragaje ko rufite ubushobozi karemano bwo kwisana binyuze mu bwitange n'ubuhanga bw'abaturage barwo. Isi ifite byinshi yakwigira ku Rwanda kandi amasomo yerekeranye n'uburyo rwongeye kunamuka maze rukagarura ubuyanja ashobora kugirira akamaro kanini abandi bantu bari hirya no hino mu mezi no mu myaka biri imbere.

Mukomeze kwirinda, kwiyitaho ubwanyu no kwita ku bandi. Murakoze.